


Nimugarure Mutesi yacu



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
ANDIKA RWANDA 2017/2018

MUMPE URUBUGA NSOME!



MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera uagenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu rukaniriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze...Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.
- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.
- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.


Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri muni, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

Nimugarure Mutesi yacu



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa **ANDIKA RWANDA 2017/2018**

KAZUNGU Anitha, yanditse iyi nkuru afite imyaka 12, yiga mu mwaka wa 6 w'amashuri abanza, mu kigo cy'amashuri abanza cya Rugwiro, Akarere ka Kirehe, Intara y'Uburasirazuba. Iyi nkuru ye, NIMUGARURE MUTESI YACU, ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2017/2018.



Umunsi umwe nari nicaye mu rugo.



Mbona data na Piyo baje binjira.
Bari bashoreye inka nziza y'ikibamba.




Data ayishyira mu kiraro yayubakiye.
Tukajya tuyiha ubwatsi butoshye.



Mbaza data aho iyo nka yayikuye.
Ansubiza ko twayihawe na Girinka.



Mubaza uwo Girinka uwo ari we.
Nifuzaba kumenya niba ari umugore cyangwa umugabo.
Ati: “Ni gahunda yo koroza abatishoboye.”



Inka nyita Mutesi kuko yitondaga.
Nava ku ishuri nkayishakira ubwatsi.




Mutesi yaje gutinda kubyara.
Nabaza data akambwira ko iri hafi.



Umunsi umwe nari mvuye kwiga.
Mpura n'abagabo bashoreye inka.
Banyuzeho irabira kuko yari imenyereye.




Ndihuta ndayegera nyikoraho.
Ndarira nti: “Mugarure Mutesi yacuuu.”



Abo bagabo bati: “Mutesi turayijyanye”.
Yatinze kubyara tuyisimbuje Gitare.



Bati : “Gitare irahaka izaguha amata vuba”.
Nihutira kujya kuyireba iranshimisha.



Gitare yacu na yo yahoraga ituje.
Imaze ibyumweru bibiri irabyara.



Gitare ibyara inyana nziza iteye ubwuzu.
Dutangira kunywa amata tubaho neza.



Iwacu twese dushima ubuyobozi bwiza.
Dushima gahunda ya Girinka Munyarwanda.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit <https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/>. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at <https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/>." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

